K0141066

# 0137

# RTLM/0137 28-30/06/1994

# KINYARWANDA

# RESUME DE LA CASSETTE N° 0137

**FACE A:**

* **Valérie BEMELIKI**, journaliste de la RTLM dit que les journalistes français et américains ont reçu des explications sur les causes des combats qui opposent les Forces armées rwandaises au FPR et sur les tueries d'avril 1994.

  Elle annonce que la boîte noire de l'avion déscendu du président HABYARIMANA est détenue par le capitaine Baril.

  Elle affirme que tous les Rwandais sont contents de l'arrivée des militaires français au Rwanda.

* **Georges Ruggiu**, journaliste de la RTLM annonce la manifestation de 5000 personnes dans la zone occupée par le FPR.

* **Valérie BEMELIKI** annonce l'arrivée à Cyangugu de François LEOTARD, ministre français de l'armée.

**FACE B:**

* **Valérie BEMELIKI** affirme que tous les habitants de la zone contrôlée par le FPR sont des Inkotanyi ou leurs complices.

  Elle dit que Dallaire, Museveni, Kagame et TWAGIRAMUNGU ont une grande responsabilité dans la mort du président HABYARIMANA et que si les Rwandais parvenaient à les tuer ils se seraient vengés.

  Elle demande aux Forces armées de poursuivre Dallaire comme elles poursuivent les Inyenzi-Inkotanyi.

* Reportage de l'information par **Ananie NKURUNZIZA**, journaliste de la RTLM. Il dit que d'après Radio France-Internationale les militaires français ont sauvé plus de 10.000 Tutsis et qu'il y en aurait encore beaucoup qui se cachaient dans les forêts de Kibuye.

* **Gaspard GAHIGI**, rédacteur en chef de la RTLM affirme que les Rwandais soutiennent l'intervention française au Rwanda.

# FACE A

K0141068

**0.0 min**

**BEMERIKI Valérie**: Abanyamakuru b'Abafaransa ndetse n'ab'Abanyamerika bakaba barasobanuriwe nyine impamvu nyakuri iyi mirwano iri hagati y'ingabo z'u Rwanda na FPR ndetse n'isubiranamo ry'abanyarwanda ryabaye mu kwezi kwa kane 1994. Ugasanga nyine akenshi abo banyamukuru ibyo bazi ari ibintu baba barabwiwe n'INYENZI-INKOTANYI ugasanga ndetse bafataho ukuri ibyo baba barabwiwe.

Ugasanga na none iyo nk'abo banyamakuru iyo baje usanga ntawe ubazi ko banaza ntawe uba azi akarere bajyamo upfa kumva gusa ukumva ngo abanyamakuru b'ahangaha, b'irunaka se baje bageze mu karere aka n'aka, ugasanga mu by'ukuri baragenda bidegembya nkuko mbese twavuga ko ntawe uba azi igihe bazira n'ubwo bwose hari abantu bamwe baba babizi ariko bashoboye na none guhura n'abanyamakuru, abanyamakuru bo mu Rwanda hari ababizobereyemo banageze ahantu henshi barushaho kumenya ukuri.

Ngibyo rero, ngibyo ibikubiye mu byo nagombaga kubagezaho byerekeranye n'imirwano ibera hano ibera muri iki gihugu cyacu, imirwano ihuza ingabo z'igihugu cyacu n'Inyenzi-Inkotanyi, ndetse ko usanga ko ari imirwano ihuje abanyarwanda bose n'Inyenzi-Inkotanyi kuko ubu abanyarwanda bose ubu bazihagurukiye, bazibujije epfo na ruguru. Ugasanga nyine inyenzi mu kumwaragurika nyine zigira umujinya w'umuranduranzuzi zikohereza ibisasu bya rutura aho zibonye hose ari nako bimwe bihitana inzirakarengane. Ubwo rero nabasaba gukurikira ibiganiro bya RTLM ubu dufite saa cyenda zibura iminota cumi n'itandatu.

**SPEAKER KANTANO**: Nk'uko rero nabibasezeranyije ndi kumwe na mugenzi wanjye rédacteur en chef GAHIGI Gaspard hanyuma na ANANIYA. Bageze hano rero bafite icyo baduteguriye. Mwaramutse GAHIGI ?

**2.1 min**

**GAHIGI**: mwaramutse nshuti mutwumva ijambo turariha ANANIYA kugirango atugezeho amakuru yaduteguriwe. (interruption de valérie) **(...inaudible...)**

**VALERIE BEMERIKI**: kugirango gafate ibiganiro byose biba byavuzwe, biba byabaye mbere y'uko mbere y'uko indege igira impanuka cyangwa se ihanurwa nk'uko bahanuye indege ya nyakubahwa Perezida wa Republika yacu taliki ya 6/04/1994, nyakubahwa Jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali.

Agasanduku rero karashyize tumenye aho gaherereye, tumenye ugafite kandi dusanzwe tuziho ubutwari uriye kapitene BARIL Paul, akaba rero ariwe rero wari ufite akagasanduku kandi kandi akaba abantu benshi bemera ko koko azwiho ubuhanga mu gukora za enquêtes akurikije nyine ako gasanduku. Ndetse tutanashidikanya ko hari n'ikintu zagezeho kuko bavuga bati ni ukuzarega ababikoze, ni ari ukuzabarega barahari babikoze kandi ntabwo dushidikanya ku

bamenya turabizi, turabazi abo rero nibo bazashyikirizwa imanza, aha batubwiraga ko umuryango wa nyakwigendera nyakubahwa generali majoro HABYARIMANA Yuvenali washakaga kugirango utange icyo kirego uregere amahanga, uregere inkiko mpuzamahanga abo bantu bakoze ariya mahano.

Ariko kandi tuti nyine nkuko rédacteur en chef yabivugaga ati ntabwo byaharirwa gusa umuryango we kuko nyakubahwa Perezida wa Repubulika Genarali Majoro HABYARIMANA Yuvenali ntabwo yari akiri uw'umuryango we gusa, ahubwo yari uw'igihugu cyose, yari uw'Abanyarwanda twese ku buryo rero, ku buryo icyo kirego na none guverinoma y'igihugu cyacu igomba kukigiramo uruhare niyo igahaguruka kugira ngo nyine irege, irege iregere abantu bakoze ariya mahano.

Ariko ubwo ndibuze kubigarukaho, gusa nagirango na none ngire icyo nongera kuvuga ku byerekeranye na ruriya ruzinduko rw'abasirikare b'Abafaransa. Abafaransa koko baraje, ingabo ari bac.. , ingabo z'abafaransa icyemezo cyo kugirango zitabare abanyarwanda. Nta numwe rero utarishimiye icyo gikorwa usibye INYENZI-INKOTANYI, INYENZI-INKOTANYI n'abazikurikiye nibo barwanyije icyo gikorwa. Ariko hano mu gihugu cyacu eh mu karere kacu ka guverinoma y'u Rwanda twese twabisamiye hejuru, impundu ziravuga abishima barishima

**4.8 min**

ababyina barabyina. Usanga ko nta n'umwe mu by'ukuri utari wishimiye ukuza kw'abasirikari b'abafaransa muri iki gihugu cyacu. Ibi kandi byanagaragaye cyane aho radiyo RTLM. Ijwi rya Rubanda Nyamwinshi, yahamagaye iti baturage muhaguruke mwakire abafaransa, twakire ziriya ngabo, dukore ibishoboka byose tubereke ko tubashyigikiye, Ibi byarakoze abaturage bose barabyumva barahaguruka, barabikora.

Mu kanya nababwiraga ko rwose nanjye nagiyeyo nkagera za Runda tuzi ko tugiye gusanganira Abafaransa bagomba kuza hano, hano i Kigali dufite amabendera y'Abafaransa, dufite indabo, imodoka zose rwose, ubona ko zishimiye icyo kintu. Ariko none igitangaza nyine ni uko iyo abo bantu baje tugakora byose abantu bagahaguruka bati turabishimiye, ikintu kitagenda abantu bumva ko kitagomba kuvugwa abo ntabwo baba bifuriza u Rwanda amahoro. Kuko ikitagenda burya icyiza ni ukukivuga.

Kuko iyo kivuzwe, iyo kivuzwe gishobora gukosorwa. Naho iyo gicecetswe abantu ntibabivuge nta nubwo gishobora gukosorwa kuko kiba kitazwi, Ariko iyo kigaragajwe nyine kikavugwa hari uburyo bwo kugikosora. Ni muri urwo rwego rero akenshi mwagiye mwumva kuva na mbere, mwumva ijwi rya rubanda nyamwinshi, ijwi rya RTLM mwaryumva mukumva ko ivuga iti harateganywa ko, gukora ibi bintu biri bumeze gutya na gutya. Hari ibi n'ibi, ibi n'ibi ugasanga koko ko ibyo bintu abatagiye babikurikira bagenda babikoma imbere ariko ab'amatwi yavuniwemo ibiti ugasanga barabyirengagiza, ibyo bintu ntibabikozwe.

Ibyo bintu ntibabikozwe. Ni muri urwo rwego rero na none tutabona ikintu kitagenda neza, ngo tukihorere tuzi ko gishobora kubangamira igihugu cyacu cyose. Abantu bamwe rero niyo mpamvu usanga bavuga bati RTLM ngo ntishyigikiye Abafaransa, ngo ntibashaka, nyamara

ariko si benshi, ndakeka ko atari benshi rwose ni bakeya ariko kubera ko baba batakurikiye neza ibiganiro, ngo basesengure bumve, kandi nyine nta n'ubwo tuba tuvuga mu nshoberamahanga, cyangwa se mu migani.

**7.2 min**

Tuba tuvuga ikinyarwanda, iki cyoroherereye, ariko ugasanga bamwe badashobora kugira ngo babyiyumvire, babyumve neza bumve neza icyo umuntu yashatse kuvuga. Rédacteur en chef ejo yari yabivuze, nanjye nza kubivuga, n'uyu munsi mu makuru babagejejeho ni ubu mu kanya amaze kubivuga, ati: nta kuntu twabona ukuntu twahagurukiye icyarimwe dushaka kugirango turwanye INYENZI. INKOTANYI hari n'ikintu gouverinoma yacu yatugejejeho cya auto-défense civile: abantu bakigishwa ukuntu bagomba kwirwanaho igihe umwanzi abugarije, abantu bagahabwa ibikoresho, noneho mu kanya gato nta bindi bisobanuro bitanzwe ubone abo bantu aho bahagaze ku mabariyeri amabariyeri baraje bayavanyeho, intwaro bafite barazibambuye nta bindi bisobanuro byahawe, byatanzwe.

Ugasanga biyoberanye, ugasanga ari urujijo ndetse ahubwo aha ashaka kumvisha ko bishobora no gutuma byashyamiranya abo bantu: ari abambuwe izo ntwaro ndetse ari n'abazambuye usanga bishobora kubabyarira ubwumvikane buke. Aha nkavuga nti ibyo bintu bikwiye kurebwa na guverinoma, guverinoma ikaba yatanga amabwiriza ahamye y'ukuntu nyine abo bantu bashobora kwitwara.

Ibingibi nasanze atari rédacteur en chef wa RTLM gusa wabitangaje, nange ndetse nari nabitangaje ariko ko kandi ejo, ejo nyuma ya sasita nababwiraga ko hari n'abandi banyabwenge, intiti zacu, intiti zacu zo muri Kaminuza ndetse nyinshi cyane mvuga nti twagiye tuganira nabo bangezaho ibitekerezo by'ukuntu babona ukuza kw'ingabo z'Abafaransa mu bikorwa by'ubutabazi hano mu gihugu cyacu. None se uriya muturage w'i Cyangugu wabajije ati ese kuki mwita ku mpunzi z'abatutsi gusa impunzi z'abahutu se zo muzazitaho ryari ? Tuvuge noneho se ko arwanya abafaransa ? Tuvuge se ko abanze ? None se niba Coloneli THIBAULT baramubajije bati muza ... bizagenda bite ? Muzaha...

**9.4 min**

... garara hagati y'ingabo, biza ... muzarwana bizagenda gute ? We akavuga ati, agasubiza ati oya, ati: FPR niturasaho natwe tuzayirasaho, abasirikari b'u Rwanda ni baturasaho, natwe tuzabarasaho. Abaturage nibasubiranamo ubwabo tuzarenganura abazaba bahohotewe. Ati: ingabo z'u Rwanda nizirasa ku baturage nazo na none tuzazirwanya.

Ariko ntabwo yigeze avuga igihe FPR INYENZI-INKOTANYI zizaba zirashe ku baturage, icyo ingabo z'Abafaransa zaje gutabara zizakora. Icyo rero ngo umuntu nakivuga wenda niba n'uwo Koloneli yakibagiwe, nitukimwibutsa abandi baturuke hirya ngo turarwanya Abafaransa. Ibyo ntabwo aribyo, ntabwo twebwe ari ukurwanya Abafaransa ariko ikintu kibagiranye tuziko gifitiye akamaro igihugu cyacu twumva ko tugomba kugishyira ahagaragara.

Ni muri urwo rwego rero rédacteur en chef wa RTLM yabivugaga nanjye nza kubisubiramo, ariko kandi negera n'abandi banyabwenge, bacu - u Rwanda rurabafite ni benshi, dufite intiti nyinshi, abaporofeseri bo muri za Iniverisite, abize za kaminuza bose bose barahari ku buryo mu by'ukuri rero nanjye nababwiraga ko nabegereye ugasanga ibitekerezo abo banyabwenge bavuga - kandi rédacteur en chef wacu bwa na Gaspard GAHIGI nawe ari muri abo banyabwenge ari muri izo ntiti, ugasanga ko bavuze koko ibitekerezo ni ukuvuga ko icyo bwana GAHIGI Gaspard yavuga, nkaza nanjye kuza kugisubiramo ari byo, ari ukuri kuko n'izindi ntiti zabyemeje ubwo zavugaga ziti mu by'ukuri ukuntu twashoboraga kwakira Abafaransa ntabwo byigeze bitegurwa ku byerekeranye na diplomatie cyangwa se na politique n'abategetsi b'igihugu cyacu.

Ati nta mabwiriza ahamye y'ukuntu abasivire bagomba kubakira bahawe n'abategetsi b'igihugu cyacu: Ati rero abaturage ugasanga bashobora kwikorera icyo bishakiye kandi nabwo icyo bishakiye rero cyatuma bashyamirana n'abo bafaransa. Mukumva rero ko iki kintu atari ukuvuga ko Abafaransa

**11.6 min**

tubarwanyije. Oya. Ibi ntaho bihuriye rwose, n'undi wakumva iki kintu arumva neza ko ntaho bihuriye. Ahubwo ugasanga ari nko kuburira guverinoma, ari nko kuburira abategetsi b'igihugu cyacu kugirango nyine icyo kintu cyagombye kuba cyarakozwe, kugira ngo abaturage batekereze, bigishwe ukuntu bazakira abo bafaransa, ukuntu niba bageze kuri bariyeri, ukuntu bagomba kubyifatamo niba se bambuwe intwaro ukuntu bagomba kubyifatamo.

Aha numva rero ntaho bihuriye no kugirango RTLM irarwanya Abafaransa nkanswe ko ari ibitekerezo byavuye, mu ntiti zacu zo kugirango bagaragaze icyo kintu kandi dusanga ko koko ari ngombwa. Ubwo na none intiti zacu zigakomeza ziti na none, niba bigishije abasivile kuko babiyambaje, mbese twahagurukiye rimwe kugirango duhashye umwanzi, duhashye INYENZI INKOTANYI, abafaransa nabo igihe baje bagasanga abo bantu kuri za bariyeri, bagombye guhita bibaza impamvu abo bantu bahagaze ku mabariyeri barinze bariyeri, bafite n'izo ntwaro.

Ni ukuvuga rero ko Abafaransa bagombye kuba barasobanuriwe n'ibyerekeranye n'uburyo abaturage bagomba kwirinda cyane cyane ku byerekeranye n'uko abasivile bafite intwaro n'ukuntu mbese abo basivile bambaye imyenda ya gisirikari, kuko izo ntiti zacu zihamya ko igihe cyose bazavana abo basivile bahagurukiye nabo gufatanya n'ingabo kugirango bahashye INYENZI INKOTANYI, intiti zacu zivuga ko ryaba ari ikosa rikomeye. Ni intiti zibivuga, ntabwo ari RTLM. Aha nagiraga ngo abantu babyumve neza ko rero intiti ni intiti rwose, ni abantu b'abanyabwenge. Niba babivuze ari icumi, ari batanu, ari icumi na batanu, ari

**13.7 min**

makumyabiri ndumva nta muntu umwe washobora kubavuguruza kandi icyo kintu ntaho gihuriye no kuvuga ko barwanyije, barwanyije ingabo z'Abafaransa muri iki gihugu. Ntaho bihuriye, nta n'ubwo kandi birimo, nta hantu byumvikana, usibye kugaragaza nyine ko bari

bakwiye kubanza gusobanurirwa n'ibyerekeranye n'ukuntu abaturage batojwe kwitabara n'impamvu bafite ziriya ntwaro, impamvu bahagaze ku mabariyeri, n'impamvu bambaye iyo myenda ya gisirikari.

Na none ikindi izo ntiti zacu zavuze kandi navuze ejo numva ngomba gusubiramo kubera ko byabaye ngombwa abantu barabyumvise igihushuka cyangwa se bakabyumva bigeze hagati bikaba impamvu yo kuvuga ko ngo RTLM irwanya Abafaransa kandi atari byo n'uko na none ikindi ni uko muby'ukuri hari hakwiye kugaragazwa ubufatanye bw'ingabo z'Abafaransa ndetse n'inzego zacu z'ubuyobozi, z'ubutegetsi za guverinoma ku byerekeranye n'amabwiriza atangwa kugirango hatavaho haba ukuvuguruzanya kandi ayo mabwiriza akaba koko ahamye, agaragara, kugirango mbese bitava, byava aho bivuguruzanya, byatuma ndetse haba, ibintu byatuma haba ubushyamirane cyangwa byatuma batumvikana, cyane cyane ku byerekeranye n'abaturage kuko icyo twirinda ni uko abaturage batasubiranamo kandi ko abaturage abafaransa baje kugirango babatabare abamerewe nabi, ibyo rero bikaba byatuma (habaye ukuvuguruzanya) bamwe babikora ukwabo abandi ukwabo aho kugirango bazagire aho bahurira, babona ku ibyo bahuriyeho bifitiye akamaro igihugu.

Aho ugasanga aho bahuriye birushaho gushyamiranya abanyarwanda cyangwa se gushyamiranya abo bafaransa n'abanyarwanda b'abasivile cyangwa se n'ingabo z'igihugu. Ugasanga ndetse ko Abafaransa bashobora no gukorera inyuma nyine y'ayo mabwiriza y'igihugu cyacu kubera ko batayumvikanyeho, bityo bikaba byatuma

**16.0 min**

INYENZI-INKOTANYI ari we umwanzi w'igihugu cyacu twese, umwanzi wacu wa twese, yaboneraho agacengera agacengera mu baturage, ariyo imwe twise infiltration, bakaba rero bacengera noneho bakabona urwaho rwo kugirango bongere batere cyangwa se batere n'abo bafaransa bagirire nabi abo bafaransa. Murumva ko ibi bintu atari ukwanga abafaransa.

Abo bantu rero bamara kugera imbere ugasanga baratera abafaransa bamara kubatera ugasanga ikosa rishyizwe kuri guverinoma y'u Rwanda rishyizwe ku banyarwanda basigaye mu gice kiyoborwa na guverinoma bitewe n'INYENZI-INKOTANYI. Kandi na none bitewe n'uko nyine hari ibintu bagiye bavuguruzanyaho cyane cyane ku byerekeranye n'ingabo zacu kimwe n'ingabo z'abafaransa.

Ibyo kandi na none ugasanga ko igihe abafaransa basabye ko, bavuga bati ibi bintu nibiveho za bariyeri niziveho twibaza garanti na none nyine yatuma koko twemeza ko hatabaho izo infiltrations z'INYENZI-INKOTANYI, byatuma abo bafaransa mu by'ukuri baturinze neza ko nta nyenzi zakwinjira ngo zijye mu baturage cyangwa se muri izo camps des déplacés aho ngaho abavanywe mu byabo n'intambara baba bari bagirango izo nyenzi zere kubahungabanyiriza umutekano.

Na none murumva ko ibi bintu nta na hamwe bigaragara ko ari ukurwanya ni impamo Abafaransa ntaho bigaragara, gusa abantu sinzi uko baba babyumvise, ntabwo baba

bakurikiranye, ariko ibyo ari byo byose ni ibintu by'imitego tugenda tugaragaza bishobora kubaho kugirango bitabaho hakaba hafatwa ingamba zihamye cyane cyane ku byerekeranye n'ingabo, ku byerekeranye na guverinoma yacu ndetse ifatanyije na ministeri y'ingabo z'igihugu cyangwa se na Etat Major y'inga ... y'igihugu cyacu, y'ingabo z'igihugu cyacu.

Ibyo rero murumva ko byumvikana ariko, nta hantu bigaragara rwose ko RTLM ari ukurwanya abafaransa.

**18.1 min**

Ubwo kandi intiti zacu, nyine intiti zacu zikavuga ziti hagombye no kubaho ikintu cy'ibanga ari cyo bise discrétion cyo kugirango nyine amabanga ye kujya agenda uko abonye, cyane cyane avuga ko ... ariko njye ikintangaza ni uko nsanga aba bantu bavuga cyane guverinoma ariyo baha amabwiriza ahubwo, ari nayo bagira izi nama noneho abandi bagahinduramo ko ari abafaransa.

Ngicyo ikiriho gitangaje. Ku byerekeranye na discrétion - amabanga - izo ntiti zacu zirimo abanyabwenge bacu bavuga bati abagize guverinoma y'u Rwanda, bari bakwiye kujya bifata bakagira akantu k'ibanga imbere ya za micro z'abanyamakuru kugirango batavaho, nabo bagenda bivuguruzanya.

Namwe ni mwumve ko abo bantu barabwira, barabwira guverinoma, barabwira abayobozi bacu, barabwira abatu ... basa n'aho babagira inama, bati ibyo bintu mujye mubigenza mutya kuko mugiye muvuga ibintu kuri micro ibyo ari byo byose bishobora kuvamo kwivuguruza, bityo ugasanga uko kwivuguruza bishobora gutuma umubano mwiza uri hagati y'Abafaransa n'Abanyarwanda ushobora gutokorwa. Bati rero kugirango bitazavaho biba mwajya mwirinda kuvuga menshi kuri micro z'abanyamakuru. None se kuki ikintu ntakirenze kandi mbona ko kitureba ? Nti banyamakuru ari ndabivuga ariko kandi urumvako bitavuga ko ari ukurwanya Abafaransa. Ahubwo ni inama mu by'ukuri intiti zicaye hariya ziratekereza zibyigaho cyane ziti ibi bintu tugomba kubitangariza ingabo, za ... nako kubitangariza abanyarwanda na guverinoma kugirango ibyo bintu bitavaho bizatubyarira umubano mubi hagati y'Ubufaransa n'u Rwanda.

Ibyo rero ugasanga mu by'ukuri ari ukugirango ahubwo hatavamo ikintu kibi cyadushyamiranya n'ingabo z'abafaransa usibye ko ku ruhande rwa guverinoma, tudashobora gushyamirana ariko igihe ubona ko hari akantu gashobora kuba kabitera ibyiza umuntu agomba kukavanaho mbere y'uko gakuririza kazarenga inkombe. "Mieux vaut prévenir que guérir" niko Abafaransa bavuga murumva ko tutazajya guca ... cyarenze inkombe kandi mu by'ukuri twarashoboraga kukigarurira hafi.

**20.4 min**

nkuko nyine izo ntiti zacu, izo ntiti zacu zibivuga. Nanone intiti zikongera ziti kubyerekeranye n'imvugo zimwe na zimwe no kwitwara byerekeranye na diplomatie, ati tumaze kubona ko FPR nyine yagiye noneho igabanya umurego mu kuvuga, mu kwa ... mu kutumvako abafaransa bagomba kuza ndetse zikaba nyine INYENZI-INKOTANYI arizo cyane ziyamye Abafaransa

zivuga zidashaka ko zizaza mwiyumviye, ko i Kibungo ibihumbi bitanu by'abatutsi bahagurutse bagakora imyigaragambyo yo kugira ngo barwanye abafaransa, mwiyumviye agatsiko k'abatutsi i Burundi ukuntu kahagututse nako kakajya mu muhanda ngo karwanye ukuza kw'Abafaransa mu Rwanda, mwarabyiyumviye ndetse no kuri Goma ho bashatse kubikora bariho bagirango babikore ariko bikabapfana ibyo byose ugasanga ko Abafara... aba.. INYENZI-INKOTANYI zabonye ko ziburiyemo ... murabyibuka ko zahamagaye abantu babo ngo bafatanye babarwanye ariko ibyo byose ntacyo byagezeho ugasanga noneho, kuko babona ko batsinzwe ko abafaransa banze bakaza ko ibyo basabaga ababayobotse ntacyo byamara kandi n'ubundi nta n'icyo bizamara batangira guhindura akarimi.

Batangira guhindura akarimi, no kureba ukundi kuntu bakwitwara imbere, imbere y'abo Bafaransa. Ibi na none bakavuga bati ako karimi kazo, k'INYENZI-INKOTANYI, ntawe ukazi kaba gafite ibintu byinshi kandi koko murazizi INYENZI-INKOTANYI icyo zivuze uyu munsi si cyo ejo zongera gusubiramo ugasanga barakora n'ibintu binyuranyije n'ibyo bavuze ati rero ukuntu abo bantu bagenda bahindaguranya indimi, bagenda bahindaguranya imyifatire imbere y'abafaransa bishoboraga kuviramo kugirango babe babashyamiranya na guverinoma y'u Rwanda n'abanyarwanda bandi bari kugihande cy'u Rwanda ati ibyo bintu rero kugirango, bitabaho ndumva ari intiti zibibwira rwose guverinoma, bati ibyo bintu kugirango bidashobora kubaho ni uko guverinoma yari ikwiye, gufata ingamba, ingamba nyazo ingamba z'ubwenge kugirango FPR itazabonako Abafaransa baje kugirango iyirengere cyangwa se ka karimi itazagakuririza ikajya mu matwi y'abo bafaransa, ikababwira byinshi, cya kintu twari twizeye ko Abafaransa baje gufasha abanyarwanda bose ahubwo ugasanga kigiye kwifashiriza INYENZI-INKOTANYI.

**22.9 min**

Ni ibintu intiti zacu zivuga ziti ibintu bimeze gutya byazagenda gutya, bigiye gutya byagenda gutya kuburyo mu by'ukuri usanga ko bashaka kuburira abantu ko bagomba gufata impande zose, bakareba bakahiga bagashungura bakareba icyo byatanga.

Niba FPR INYENZI-INKOTANYI zikomeje ako karimi zikageza igihe zajya mu gutwi kw'umufaransa zikamubwira cya gikorwa cy'ubutabazi ingabo z'Ubufaransa zaziye kugirango zikorere abanyarwanda bose ugasanga kihariye FPR INYENZI-INKOTANYI gusa urumva ko bitaba ari byiza wasanga na none twiyama abafaransa. Birumvikana ko iki gihe ntabwo twiyama Abafaransa, ariko icyo gihe noneho cya gikorwa cy'ubutabazi bavuga ko baje gukorera abanyarwanda bose, bakagikorera gusa abari mu gace k'INYENZI-INKOTANYI abo mu gace k'abandi banyarwanda mu kindi gice ntibagikore ugasanga ko nanone byatuma twebwe Abanyarwanda dushyamirana n'abafaransa.

Ubwo rero murabona ko intiti zacu mu by'ukuri ibyo zavuze, ibyo bwana Gaspard GAHIGI rédacteur en chef wa RTLM yavuze, ibyo navuze ntabwo ari ukugira ngo twamagane Abafaransa. Twabashyigikiye ijana ku ijana tuzakorana. Ibi ahubwo ni ibintu koko byatuma, byatuma dukora uko dushoboye n'abategetsi bacu barimo guverinoma kugirango bashobore kuba bafatanya n'abafaransa neza hatagize igitotsi nyine cyazamo. Ibi ari ukugirango icyo gitotsi kibe cyavamo. Ni byo nyine nababwiraga ko mu by'ukuri, ubundi koko igihugu cyacu, ni

igihugu gifite ubwigende, gifite ubusugire bwacyo, gifite abategetsi, abo bategetsi nyine birumvikana ko umuntu waza avuye hanze agomba kunyura kuri abo bategetsi.

Tugasanga rero nta bintu kirimo mu by'ukuri cyo kuvuga ko RTLM irwanyije Abafaransa, ahubwo ari ukugira ngo ibibazo byaza nyuma bishobore gukemurwa mbere ibyo bibazo bitaravuka. Uko rero niko tubona ibyo bintu. Naho ubundi twebwe RTLM, dushyigikiye Abafaransa ijana ku ijana kandi twarabyerekanye.

**25.0 min**

ubu dufite sa kumi zibura iminota ... (coupure).

**GEORGE RUGGIU** ... du FPR c'est-à-dire dans la zone occupée par le FPR une manifestation qui regroupait 5000 personnes. N'en doutons pas. Il s'agissait de 5000 personnes favorables au FPR et il doit s'agir à peu près des seuls effectifs qui restent et qui sont favorables au FPR.

D'ailleurs on a dit 5000 personnes et c'est Canal Afrique qui l'a dit ce matin mais sont-ils aller voir ? Y avait-il 5000 personnes ? S'agissait-il de 5000 personnes qui manifestaient librement ? Nous avons en tous les cas des doutes, nous avons d'autant plus de doutes que cette manifestation de KAYONZA ne nous préfigure rien de très favorable puisqu'en fait à KAYONZA la grande majorité des gens y étaient tués comme... le témoignage du bourgmestre de la commune MUHAZI qui lui-même est passé dans les environs et a pu nous confirmer que la plupart de la population avait été massacrée. Il ne s'agit donc pas de population, qui a été obligée ou peut-être de population qui a été emmenée sur place pour manifester. En tous les cas l'opération française continue d'autant plus qu'elle s'est rendue à Kibuye et un reportage de Radio France Internationale nous parlait d'une commune où 50 personnes avaient......... .

Et la personne qui confirmait cela déclarait que si les INYENZI-INKOTANYI venaient en attaquant, on les attaquerait aussi. Les Français ont l'air un peu décontenancés par cette mobilisation générale. Qu'ils n'oublient pas que 50 personnes ....... cela fait à peu près un peu moins d'une dizaine.

C'est à dire 9%. Cela fait aussi à peu près une bonne partie du pourcentage de la population tutsi qui devrait se trouver dans la ville selon ... dans cette commune selon les statistiques nationales puisqu'on compte un maximum de 9% aux dernières statistiques. Qu'ils n'oublient pas que le FPR avait encerclé toutes les zones dans tout le pays et toutes les zones où il pourrait se trouver des complices, des personnes qui pourraient les héberger, qui pourraient servir de base de repli, qui pourraient leur attribuer des endroits où ils peuvent cacher leur matériel où ils

**27.9 min**

peuvent se cacher eux-mêmes: 50 personnes ....... cela représente à peu près leur proportion des personnes qui auraient aider le FPR. Et c'est vrai ! Cela représente aussi la proportion des membres tutsis d'une commune à peu près. Mais de là à dire qu'on a tué tous les tutsis on ne l'a pas dit.

De là à dire qu'on a tué tous les membres du FPR, ce n'est pas vrai non plus. La population était tellement furieuse qu'elle a probablement tué toute personne qu'elle soupçonnait être proche du FPR favorable eût-elle donc pu nuire à la majorité de la population. Robespierre, en France, n'en avait-il pas fait autant ? ..... nous avons condamné cette pratique, vous l'avez condamnée aussi mais dans des cas troublés cela, peut se produire de manière non contrôlable et non contrôlée. Eh c'est bien cela qui s'est passé. Nous allons ..... nous retrouver dans cinq minutes, dans

**29.1 min**

cinq minutes pour deux mises au point, concernant certains problèmes qui touchent à l'opération Turquoise l'opération française qui se déroule ici au Rwanda. Et puis une mise au point qui concerne le général DALLAIRE. (Une transition musicale)

**29.7 min: vide**

**31.1 min**

**BEMERIKI VALERIE**: ... bagoboke imbabare, imbabare z'iyi ntambara twashowemo n'INYENZI-INKOTANYI. Hakavugwa na none kandi nyine urugendo rwa ministre w'ingabo z'Ubufaransa mu Rwanda bwana François LEOTARD ubu wageze nyine i Cyangugu areba uko abantu bamerewe.

Ariko icyo kintu kubera ko kiri kuvugwa cyane, kiriho kiravugwa mu gihe nyine abafaransa bo nyine bavuga ko baje kugira nog batabare abo bantu, izo mbabare z'intambara, ibyo byatewe n'INYENZI-INKOTANYI. Urasanga INYENZI-INKOTANYI nyine nkuko mubizi zakomeje kurwanya ....

**FIN : 31.8 min**

K0141077

# FACE B

**0.0 min**

**BEMERIKI Valérie**: Usanga ko aho ku mupaka w'u Rwanda n'u Bugande hari INYENZI nyinshi z'INKOTANYI nyine ku mupaka ndetse usanga ko na ba..benshi ari abasirikare ba ...bo mu ngabo za Uganda NRA.

Naho barundanyije aho ku mupaka w'u Rwanda na T...na Uganda kandi ari naho bafite ibikoresho by'intambara. Ndetse bamwe bakaba baranambutse umupaka bamwe bakaba bari hariya i Byumba bategereje amabwiriza yo kugirango nyine bagabe ibitero.

Ibyo rero murumva ko koko ari bya bindi igihe abafaransa bavuga bati tuje guhosha ubwicanyi mu Rwanda, tuje guhagarika iyo ntambara igiye kumarira inzirakarengane. eh igiye kubamarira ku icumu INYENZI-INKOTANYI zonyine ntizibikozwa, murabizi nyine ni abicanyi, icyo kintu tudashobora kuvuga ngo turahakana, ni ikintu kibaranga, aho uzumva INYENZI hose, ugomba guhita wumva umwicanyi.INYENZI rero nta kindi kiziranga , ni abicanyi. Urumva ko iyo abantu baje kugirango baje kugirango batabare imbabare, izo nyine ntizibikozwa, ahubwo zamagana abo bantu ugasanga koko nyine ko ari abicanyi. Akaba ari muri urwo rwego rero eh ku mupaka,ku mupaka harundanyije abo basirikare, ndetse bamwe bakaba barambutse, bakagera i Byumba.

Ikindi na none gikomeje kuvugwa rero ni uriya mugabo DALLAIRE, DALLAIRE noneho...nyine avuga ko atirukanywe n'Abanyarwanda, ngo ahubwo ari Radio R.T.L.M.Ubu uri kwikora nyine yabuze ibyo akora, ugasanga mu by'ukuri yaburagiye, yabuze iyo ajya, yabuze iyo yerekera, yabuze epfo na ruguru. Ati: " reka mpfe kwiroha, mpfekwiroha kuri Goma ndebe ko nabonana n'abayobozi b'ingabo z'ubufaransa mbabwire uko, uko bagomba kwifata cyangwa se mbasobanurire turebe ukuntu twakorana ".

Nyamara ugasanga nyine DALLAIRE ni inyenzi mu zindi, ni inyenzi yambere, ni we uzigira inama y'ibintu bakora.Niba agiye kureba abo bafaransa nta kindi ni ukugenda ashaka kugirango ajye kuvuganira INYENZI- INKOTANYI. Nkaswe ko nyine yitangariza nyine ngo yifuza ko ngo Abafaransa bareba igice guverinoma ikoreramo ngo noneho ngo we na MINUAR ye bakareba igice INYENZI- INKOTANYI ngo ziberamo.

Ibi namubwira ko kiriya gice INYENZI-INKOTANYI zirimo atari Icy'inyenzi. Ntabwo ari Icy'inyenzi. Gifite banyirabyo, ba nyiraho. Abantu baho barahari. Niba batanahari, abapfuye ni INYENZI-INKOTANYI zabishe. Abandi barahunga ariko abo bahunze bagomba kugaruka mu bintu byabo. inyenzi rero nta gice na gito, na gito zigomba kugumana muri iki gihugu. Utwo duce twose dufite banyiraho, amazu arimo inyenzi zagiye zifataho abantu bagiye bavana aho ku mahoro, aho muri Roi Fayçal zikagenda zibashumurira mu mazu y'abaturage, kandi aba baturage ba nyiraho bagomba kuzagaruka, bagafata ibintu byabo, bagasubira mu byabo.

inyenzi rero zigize gutya, zijya kurundamo abo bantu, mu by'ukuri nabo.. abantu bose nibyo nakomeje kubabwira ko abantu bose bagiye mu gipande cy'INYENZI-INKOTANYI bose nabo ari inyenzi nyine, bakunze nyine ubwicanyi kimwe n'INYENZI-INKOTANYI, ugasanga rero bo nabo ari abicanyi kimwe n'INYENZI-INKOTANYI. Abo bose ni inyenzi.

Abo bose ni inyenzi ku buryo rero iyo tubona ukuntu Ingabo z'igihugu cyacu ziriho zigenda zitsinda urugamba, naho hose zizahagera. Izo nyenzi zose nyine zirimo, izo nyenzi zose zirimo akazo nyine buriya karateganyijwe, ntabwo ari ukuvuga ngo ha! za... bazarwana na nde ko abo bose bagiyeyo nyine ari inyenzi? Kuko nta muntu waho uzirimo? Abatari bashyigikiye inyenzi, inyenzi zarabishe, abashoboye gucika ku icumu barahunze; mujya mubumva mu ...mu burengera zuba bw'igihugu cyacu. Murumva rero ko abo bantu mu by'ukuri badahari.

Abo bandi bose bagiyemo ni inyenzi nyine, ni Ab'inyenzi, ndetse ni ibyitso, ni aba ...ni inyenzi zikorana n'inyenzi zeguye ibitwaro nyine zikaza kwica inzirakarengane.Murumva rero ko icyo gihe niba DALLAIREavuga ati aba nibarebe aha n'aba barebe aha, ni uko DALLAIRE yiyemeje kuduciramo igihugu kabiri, kandi ibyo bintu nyine twe tutabishaka.

Ntabwo dushaka kugicamo kabiri, twebwe icyo twiyemeje ni uko abanyarwanda bose amoko uko ari atatu- abahutu, abatwa, abatutsi- bose bose bagomba gutura muri iki gihugu, bakagituramo kivandimwe, maze abagomba gutegeka bagategeka binyujijwe muri demokrasi. Naho ibindi byose bavuga uriya DALLAIRE nyine eh...icyo mbona mu by'ukuri ni uko DALLAIRE niwe...niwe wambere watumye iyi ntambara irota, yongera kurota nyuma yuko bashyira umukono kuri ariya masezerano ya Arusha.

Niwe wa mbere wabikoze. nyamara iyo rero abantu bamusabira kugenda- murabizi Abanyarwanda bose barahaguruka bati: DALLAIRE ntitumushaka, nagende.Guverinoma yandikiye Umuryango w'Abibumbye uti nagende ntitumushaka. Ariko we ukabona ko agumya kwihambira, usanga yihambira kubatamushaka, usanga ari ibintu koko haba hihishemo ikintu, ntakugishakira kure; ni cya kindi cy'ukuntu ariho akorera INYENZI-INKOTANYI. Nawe ubwe mu by'ukuri akaba ari inyenzi.

Ahubwo twe tubona DALLAIREhari igihe azicuza icyatumye atibwiriza ngo atahe. Kuko hari igihe Abanyarwanda koko bazarakara, DALLAIRE yoye gusobanukirwa; ye gusobanukirwa Canada izumve ngo DALLAIRE yarapfuye. Bayoberwe ibyo ari ibyo. Kuko mu by'ukuri DALLAIRE ni we wadutereje iyi ntambara, ibi birazwi.

None se abo bantu barundanije ku mupaka w'u Rwanda n'u Bugande na MONUOR bigeze batubwira ko yahavuye? Iyo MONUOR iriho irahakora iki? Abo bantu,bariho binjira bagera za Byumba, abo basirikare n'intwaro, abo basirikare barahanyura uwo mutwe uri hehe? Si DALLAIRE se uyiyobora? Ni DALLAIRE uwuyobora, ni we wayoboye MINUAR, ayiyoborana ubuswa, ayiyoborana ubushishozi buke.

Nyamara barakomeje kubimubwira,,bituma rero havuka intambara. None rero atangiye no kujya mu gutwi kw'abafaransa, ubwo ntakindi kimujyanye kugira ngo nyine yerekane ubwiza bw'INYENZI-INKOTANYI zitigeze zigira, zitanashobora kuzagira, kugira ngo Abafaransa

bumve ko bagomba gukorana na DALLAIRE ajye ayobya uburari, abakoresha amakosa. Ibyo bintu ni ibyo kwamaganwa, ni ibyo kwamaganwa kuko ibintu byabaye benshi.

Hari igihe bajya bibeshya, bakavuga ko imvururu zabaye mu gihugu ngo ari uguhorera nyakubahwa perezida wa Repubulika jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali, nyamara dusanga ari intambara yari yarateguwe n'INYENZI-INKOTANYI. Ikanayitegurira iri...ijya mu mizi, ijya hasi igashinga za brigade ahantu hose. Mu by'ukuri niba kwari uguhorera nyakubahwa jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali, hari abantu batagombaga gusigara ari bo bambere, ndetse twagombaga guheraho.

Abantu bambere niba kwari uguhorera nyakubahwa jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali, hari abantu bane twagombaga guhera ho, abo bantu akaba ari bo koko bapfa tukumva ko duhoreye Nyakwubahwa jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali, kandi n'ubundi usanga ko icyo kintu kitazanarangira uwo muntu, abo bantu rwose nabo batabajijwe ibintu bakoz....bakoreye iki gihugu, banavutsa umuyobozi wacu. Aha rero njyewe abo bantu, biragaragara uwa mbere nta wundi ni KAGUTA MUSEVENI iriya nyenzi-nkuru nyine ishyigikira INYENZI zene wazo, uwa kabiri nta wundi nyine akaba KAGAME alias KAGOME, nta wundi nyine, niwe nyine mungabo z'INYENZI-INKOTANYI.

Niwe mukuru, uwo muntu nawe, mu bantu bagombaga guhora bavuga ko bahorera Nyakubahwa perezida wa Republika jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali, KAGOME-urumva abo ni abari ku isonga. Uwa gatatu nta wundi na none ni uriya DALLAIRE, DALLAIRE ugomba kubazwa ubuzima bwa Nyakubahwa perezida wa Republuka, mu gihe ari we wari uyoboye umutwe wa MINUAR wari urimo Ababiligi, twagumije kumwereka ibintu ababiligi bariho bakora bigomba kuzateza imvururu muri iki gihugu; aho abo babiligi ugasanga n'INYENZI zirahari.

Bakaba ari nabo usanga ko bacuze, umugambi bafatanyije n'INYENZI-INKOTANYI, wa kwivugana Nyakwubahwa perezida wa Repubulika jenerali majoro HABYARIMANA Yuvenali. Undi wa kane rero, nawe utagomba kuzababarirwa na rimwe, nta wundi ni TWAGIRAMUNGU Fawustini alias RUKOKOMA, kuko aba bantu uko ari bane uwashobora kubacira urubanza, uwashobora kuba aribo rwose akurikirana ku buryo twe tuvuga tuti ibintu byose bw'ubwicanyi mu ruhande rwa guverinoma yacu byarahagaze ntabihari, ariko bariya bantu abandi baka...abantu rwose bumva ko bagomba guhorera Nyakubahwa perezida wa Repubulika nibo bantu mu by'ukuribari bakwiye guhanirwa urwo bamukaniye kuko niho bamugambaniye.

Abo bantu uko ari bane rero nibo twumvamu by'ukuri iyo usesenguye, iyo urebye ibintu byose bagiye bakora usanga ari bo bari ku isonga yo kugira ngo indege ya perezida waRepubulika w'u Burundi NTARYAMIRA Sipiriyani n'abandi bose babaherekeje bari mu ndege imwe. Icyo gihe rero muriyumvira yuko abo bantu bavuga ko twahoreraga Nyakubahwa perezida wa Repubulika, si ukumuhorera, twe twivugana umwanzi wari wa...utangiye kutw...kutwica turitabara, twe icyo twakoze kwitabara.

rero nzajya mpora mbibutsa iminsi, mbibutsa amasaha na cyane cyane ashingiye kuri ya hurura y'INKOTANYI, kuri ya hururu y'inyenzi zavugaga ko zizavuga ko zizadufata mu gihe gito cyane.

Uyu munsi rero ni umunsiwa 85 kuva imirwano yubuye, ikaba ari isaha y'ibihumbi 2 na mirongo itandatu. Ejo inyenzi zakubitiwe ahajya ku KACYIRU, aho zasakiranye n'ingabo zacu n'abajandarume, ndetse n'urubyiruko rwa Repubulika, za mbunda rero zarasaga zarasa muri segiteri ya Rugenge zaragabanutse uretse ko bambwiye ko hasigaye mo imwe iri mu nzu bita iya RUHUMURIZA.

Aha rero nk'uko ministre...nako nk'uko umugaba w'ingabo yari yatubwiye igihe yagezaga ijambo ku ngabo z'igihugu no ku baturage, tukabariza abaturage baturiye amasegiteri ya KIMISAGARA na MUHIMA na RUGENGE ni ugukomeza kwihangana kuko ikibazo cyanyu baragikurikiranye murumva yuko banyuzamo bakazotsa, bakazikubita aho ziri mu mazu, aho ziri mu biti, aho ziri mu myobo. Sinzi niba kuvuga ko imvura yaraye iguye ari nyinshi ari inkuba; ariko ni inkuru kuko iyo mvura yaguye idaheruka aba ari inkuru.

Na Kantano yabivuze. Icyo twavuga kuri iyo mvura yaguye ni uko yaje ari umuzajoro, ndetse ikadutera n'impungenge tugira tuti none abari ku mazamu baza kujya kugama. Nizeye ko mutugamye, kandi koko iyo mwugama umwanzi aba yabaciye ruhinga nyuma akaza kubica, akaza kwica abaturage. Ni ko kuvuga ko mu bihe by'amajoro y'umwijima, ibihe by'imvura y'umuzajoro ari bwo tugomba guhagarara, ari bwo dukwiye kuba maso kurushaho?

Radiyo mpuzamahanga y'Abafaransa yaraye itangaje ko kuva za ngabo z'icyo gihugu zagera mu Rwanda zimaze kugoboka abatutsi bagera ku bihumbi icumi. ndetse yatangaje y'uko hashobora kuba hari n'abandi batutsi benshi, bakiri mu mashyamba yo ku kibuye bababihishemo uretse ko ejo twababwiraga ko muri abo batutsi bavuga ko bihishe mu mashyamba harimo ijana ryaje kugaragara. Ngirango ubwo ryagiye ahagaragara abo bafaransa nabo... nabo

**15.9 min**

bazagobokwa n'abo bafaransa mbese. Iyindi nkuru twumvise n'iy'iyabaganga banyuze mu Burundi bagiye gusura impunzi z'abahutu, ziriyo basanga izo mpunzi zarakomerekejwe cyane ndetse inyinshi zigenda zicibwa amaboko n'amaguru ariko ziza kubabwira ko abo zasize inyuma na cyane cyane abo muri kariya gace k'Ubugesera baba bafite akaga, barimo abakomeretse nk'uko nguko.

Abo baganga rero b'Abafaransa bavuze ko ari abaganga gusa bavuze ko bazajya i Buruseli aho INKOTANYI zagize isibaniro ho zicaye bakajya kujya kuzisaba y'uko bakwinjira mu Rwanda baturutse mu Kirundo kugira ngo batabare izo mbabare, ibyo bimuga byamugajwe n'INYENZI. Aha ngira ngo rero ni akazi n'Abafaransa bagombye kwitaha nk'uko mugenzi wacu wo muri Radiyo Rwanda yabivugaga ati: " no muri uyu mugi wa Kigali nibaze aho impunzi ziri z'abahutu, zahisemo kuguma ku ruhande rwa Leta nazo zirababaye.

Bwana LEOTARD, ministri w'Ingabo z'Abafaransa arahamagariza ingabo z'abanyaburayi n'iz'Abanyafurika ngo zize bwangu zunganire Ingabo z'Abafaransa; yatangaje ko mu minsi iri imbere izo ngabo z'abafaransa zishobora kuzahura n'ingorane zikomeye zizatezwa n'INKOTANYI. Mwibuke rero ko INKOTANYI zavuze ko nta na rimwe zizigera zemera Ingabo z'Abafaransa. Ibintu by'aha rero hari aho-Rédacteur en chef azaze kugira icyo abivugaho-ibintu. By'aha bitangiye gutera impungenge.

Biratera impungenge kuki? Biratera impungenge kuko ziriya ngabo zitinda mu mayira, kandi ibintu aho bicika hazwi, kandi n'abaca ibintu bazwi. Izo ngabo z'Abafaransa rero nk'uko byavuzwe zizaba zimaze kuzura ibihumbi 2 na magana 5 mu cyumweru gitaha. Na none ni muri ubwo buryo guverinoma y'u Rwanda yasabye ko Ingabo z'Abafaransa zakwihutira no kugera mu bice F.P.R.ivuga ko igenzura.

Ubwo kandi niko inyenzi zisigaye ari imbarwa- mu by'ukuri burya ni mbarwa-zikomeje ya kinamico ngome yo kugenda nka SERWAKIRA zitera mu baturage, zigenda zica uruboza. Ibyo nibyo amaradiyo y'amahanga yita offensive du F.P.R. contre les villages hutus. Niko kuvuga mu Kinyarwanda ko inyenzi zigenda zitera mu mirenge zikica abaturage b'abahutu.

**18.5 min**

Ngibyo ibitero by'inyenzi bisigaye: ni ukujya mu baturage, ntizitinyuka kujya aho ingabo z'u Rwanda ziri ngo bahangane kuko ariko bakwi...bagombye kurwana; ahubwo ziratera mo baturage aho twumva hose zikagenda zica abaturage. Ngibyo rero ibyo izo radiyo z'amahanga zita offensive du F.P.R contre les villages hutus. Gutera rero ku murenge ukica abaturage ndumva ntacyubahiro kirimo, nta butwari, ntaburwanyi burimi.

Umunyarwanda usesengura, wasesenguye muri Radiyo nederlande y'abahorandi twaraye twumviseahajya mu ma saa yine n'igice z'irijoro yagize ati ubufaransabufashe iya mbere, muri politiki y'ibihugu by'afurika cyane cyane ibikoresho Afurika ikoresha igifaransa. Ati ndetse ubufaransa bwakuyemo ababiligi, mu bihugu ububiligi bwahoze bukoronije aribyo Zayire, u Rwanda, n'u Burundi.

Uwo munyamakuru ati ubu Ububiligi burarebera igikorwa cy'u Bufaransa mu Rwanda bugashenguka umutima. Nibyo yise mugifaransa ngo la Belgique observe ce que fait la France au Rwanda avec envie. Ndetse iryo shyari- nk'uko uwo munyamakuru wabivuze-ryaba ariryo ryatumye ibinyamakuru by'Ababiligi birega u Bufaransa ngo kuba bwishe perezida wa Repubulika muri ya accident y'indege yabaye ikamuhitana we na mugenzi we w'i Burundi n'abandi bari kumwe.

Ibyo birego nk'uko iyo radiyo yabivuze byaje kuza kunyomozwa vuba na bwangu kandi ku buryo bukomeye na capitaine Paul BARIL, uyu twababwiye ejo ufite, ... ufite ibimenyetso simusiga bigaragaza abishe nyakubahwa perezida wa Repubulika t'u Rwanda na mugenzi we w'i Burundi n'abo bari kumwe . Ibyo bimenyetso birimo ka kantu kaba mu ndege, bikabamo inyandiko, ndetse ku buryo abanyamakuru bari bakwije inkuru bavuga ko ibyo bimenyetso ari simusiga. Kandi nk'uko uwo munyamakuru abitangaza, ministri w'Ububanyi n'amahanga Willy

CLASS yaba atishimiye iradiyo yo mu Rwanda atavuze izina ngo ikomeje kwamagana Ababiligi ndetse bavuze iyo radiyo atavuga izina kuba itakomeza kwikoma ababiligi.

Ngibyo rero iby'ababiligi, ndumva no gutabara ino aha bavuga ko bazazana imfashanyo ari nka bya bindi umuntu yakwita kwibuka ibitereko umuntu yasheshe. Kantano yababwiraga ibya RUGENERA Mariko ukivuga ibyo bita: Les Forces Démocratiques pour le Changement, ngo amashyaka ya politiki ashaka ko ibintu bihinduka, ubwo rero ni ... ya RUGENERA rero uyu wahoze ari ministre w'Imari yabonanye n'umunyamakuru wa radiyo mpuzamahanga y'Abafaransa witwa Monique MASS babonaniye i Byumba ntabwo tuzi icyo RUGENERA akora i Byumba- RUGENERA yongeye kurega M.R.N.D. ngo ko yishe abatutsi ndetse ikica (ikica) n'abarwanashyaka b'ishyaka P.S.D.RUGENERA yasabye ingabo z'Abafaransa ngo kutabogama, kandi ,go zikubahiriza inshingano zahawe na LONI. RUGENERA uwo niwe akiri ministre w'Imari hano mu Rwanda watambamiye Ingabo z'igihugu azibuza kugura ibikoresho, azima amafaranga yo kugura ibikoresho kugira ngo zizirwaneho.

Ubwo icyo yari agamije kirumvikana. Ni RUGENERA kandi uwo nguwo wigeze gushaka gusenya Banki Nkuru y'I gihugu. Igihe yikomaga umiyobozi wayo ndetse amukuraho ku buryo bw'amafuti. RUGENERA nawe-umva ko ari i Byumba- nakomeze akotane i Bujumbura- ubwo ngeze ahandi- i Bujumbura mu ntara ya Cibitoke no mu ntara ya Bubanza ndetse no mu mugi nyirizina ngo ibintu ni ibicika nk'uko byaraye bitangajwe n'umunyamakuru wa Radiyo Neederlande ariko we uri i Bujumbura. Abahutu ngo baba baratangiye ibikorwa byo kurwanya ingabo z'abatutsi; ndetse izo ngabo zikaba ziregа abategetsi b'abahutu- ni ukuvuga bariya bo mu ishyaka rya FRODEBU- ko baba bashyigikiye bene wabo muri icyo gikorwa cy'intambara batangiye yo kwibohoza.

Ibyo cyakora burugumestre w'umujyi wa Bujumbura, yabihakanye, atangaza ko abategetsi bashyigikiye ingabo z'igihugu. Ariko umu koloneli batavuze izina w'umututsi yavuze ko ibyo bya burugumestri ari ibinyoma. Ubwo dukomereje na none kuri iyo nkuru y'i Bujumbura batubwira ko ibikoresho abo bahutu bakoresha ... bakoresha birimo radiyo yabo ivugira ahantu hatazwi, hakabamo imbunda, hakabamo za grenades ndetse ngo bakoresha na requêtes. Murumva rero ko iby'i Bujumbura, i by'i Burundi bitangiye gukomera.

Ubwo baratubwira ko mu karere k'umugi wa Bujumbura ahitwa Kamenge abo bahutu basakiranye n'abasoda b'abatutsi bari ku irondo maze rukambikana. Cyakora radiyo nederlande yavuze iyo nkuru, ntabwo itubwira uko...amaherezo y'ibyo bintu, uretse ko byatangiye.

**23.5 min**

Na none ahandi muri Angola ingabo za guverinoma ziravuga; ejo zavugaga zari zafashe umugi wa Malenje, nako zari zawigaruriye none zabyutse zivuga ko zigaruriye n'umugi wa KWITO aho imirwano ya simusiga yabereye, abantu n'abantu bakahagwa. Aribyo rero nkuru ari impano koko, y'uko kuvuga ko inyeshyamba za savimbi zaba ziri mu mazi abira. Muri Nijeriya ho baratubwira ko MUSHUDI ABIYORA uyu wari watorewe kuba perezida w'igihugu- ariko abasirikare bakaza kumurimanganya-ubu ngo yaba arwariye, aho afungiye hatazwi, ari akaba yarafashwe n'indwara ku buryo butumvikana.

Na none ya nama yari yahurujwe aho ngaho muri nijeriya kugira ngo izige imbanzirizamushinga y'itegeko-nshinga iyo nama rero abaderege bane bari bayitabiriye bavuze yuko batazongera kuza mu mirimo yabo ubwo izaba yasubukuwe, ku italiki ya 11 y'ukwezi gutaha.Muri Tanzaniya, baratubwira ko perezida Hasani MWINYI yaba yarakiriye KANYARENGWE. Twabyumvise gutyo rero, twabyumvise muri Radiyo Vatikani yumvikanye muri iki gitondo, cyakora ntabwo yatangaje icyo KANYARENGWE yagiye gukora muri Tanzaniya uretse ko aho ari aho umuntu yagikeka. Ubwo rero KANYARENGWE nawe aratarataza.

Hano kuri radio yanyu cyane cyane nk'igihe GAHIGI yari avuye muri mission ahongaho Arushya yababwiye agasuzuguro KANYARENGWE yasuzuguye abakuru b'igihugu bari baje bagira bati: bakongera kwemekanya kugira ngo abanyarwanda bongere bashyire hamwe bumvikane: KANYARENGWE twaje kugera aho tukavumbura ko ari umusazi, yakubitse urugi aragenda, hari aho yaba yarasubiye muri Tanzaniya gusaba imbabazi.

Mu gihugu cya Alijeriya ho-ubwo abantu bagera ku bihumbi 15 bari mu myiyereko, bibuka imyaka 2 perezida Muhamedi Budiyafu amaze apfuye-abanzi na none babateze igisasu, icyo gisasu kiza gukomeretsa abantu 64.Ikibazo cya Nijeriya na Kameruni na cyo ubu ngubu cyafashe indi ntera kuko cyashyikirijwe Urukiko Mpuzamahanga rw'i La Haye mu Buhorande, niko kuvuga ko cyarenze rwa rwego rw'ubwiyunge perezida wa Togo yari yatangiye,perezida Gnassimbé Eyadema yari yatangiye.

I New York muri Loni ho baratubwira inama yahabereye, ngo iteganya gukusanya amadorali y'abanyamerika agera kuri miliyoni 540, zo kuzasana umujyi wa Sarajevo.Sarajevo ni umujyi wa Bosnie Herzegorine, uyu nguyu wabaye isibaniro nk'uyu wacu wa Kigali, INYENZI zirimo zisenya, zirimo kudusenyera hejuru. Niko kuvuga rero hari aho ko twagira ikizere ko iyi ntambara nitumara kuyerekeza irya na none, abategetsi bacu bazibuka gusaba Loni igaterana, igateranya amafaranga, bagateranya mafaranga, bakadufasha gusana iki gihugu cyacu INYENZI zimaze kugira umuyonga.

Intambara yo muri Yemen ya ruguru n'iy'epfo twababwiraga ko zari zikabije umurego uyu munsi rero baratubwira inama ishinzwe umutekano w'isi ya Loni yaraye iteranye igafata icyemezo, icyemezo cyo guhagarika imirwano, icyemezo cyafashwe n'abari muri iyo nama bose. Ibyemezo nk'ibyo Loni irafata mais ikibazo ni ukubahirizwa.

Naho muri cya gikombe cy'isi yose- ni nayo nkuru ndangirijeho kugira ngo nsubize bagenzi banjye ijambo- baratubwira ko muri wa mukino, Nijeriya na Arentine Diego MARADONA cya gihangange, cya cyamamare mu mikino yo muri Argentine yaba yaratahuweho kuba yari yafashe ibiyobyabwenge, ibyo bita "dopage" ndetse ngo nizikomeza zikamufata akaba ashobora guhagarikwa mu mikino isigaye.

U Buhorandi bwaraye butsinze Maroc ibitego 2 kuri 1, naho Arabie Saoudite yatsinze Les Diables Rouges bo mu Bubiligi igitego 1 kuri 0 .Mwari kumwe na Ananiya NKURUNZIZA reka nsubize bagenzi banjye ijambo.

**HABIMANA KANTANO**: Urakoze Ananiya, sinzi niba mugenzi wanjye GAHIGI nawe hari icyo yakwongeraho, birumvikana.

**GAHIGI Gaspard**: Amakuru ya Ananiya aba asobanutse nta byinshi nongeraho. Nagiraga ngo gusa mvuge kubyerekeye ubutabazi bw'Ingabo z'Ubufaransa mu gihugu cyacu. Kugeza ubu twavuze ko guverinoma , abaturage b'u Rwanda bashyigikiye uko gutabara kw'abafaransa. Ubu rero ibyo maradiyo yo hanze avuga ngo abatutsi ibihumbu 10 batabaye-aho nyine batabaye-Cyangugu na Gisenyi.

Njye icyo navuga rero, nagiraga ngo mvuge ko abo bafaransa koko turabategereje. Hari ikiganiro twagiranye n'umudamu w'umututsikazi wahungiye muri Lycée; avuye muri milles collines yarahisemo kuza mu ruhande rwa guverinoma. Ati dutegereje koko ko Abafaransa baza.

**28.3 min**

Si ukuvuga ko aho ari nawe amasasu amugwaho? Aho ari amasasu amugwaho y'INYENZI. Icyo rero ni uko kugeza ubu, Abafaransa bari mu karere kagenzurwa na guverinoma y'u Rwanda, bari mu karere karangwa n'uko nta mirwano yakabereyemo. Ariko kagaragaza ko intambara ari akaga; ko naho hari abantu bagize akaga: bakabatabara.

Ubwo rero, urebye ntakarakorwa kuko aho bari ni ahantu hatabereye imirwano, ni ahantu INKOTANYI zitarashe ibisasu. Ubwo rero ntakarakorwa, tukifuza ko Abafaransa bakomeza urugendo, bakihuta bakagera ahabereye imirwano, bakagera i Kigali, bakareba ukuntu INYENZI-INKOTANYI zitera amabombe mu isoko, zitera amabombe ku bitaro, zitera amabombe ahari ho hose ku bantu b'inzirakarengane b'abasivile batari mu mirwano; zitera amabombe ku mahoteli; zitera amabombe mbese ku bikorwa bitari ibya gisirikare, kandi ubundi amategeko agenga intambara bibujijwe gutera amabombe ku bintu bita objectifs non militaires ni ukuvuga ibikorwa bitari ibya gisirikari.

Ni ukuvuga rero ko niba amaradiyo yo hanze aririmba ko Abafaransa batabaye Abatutsi bari mu gace aka n' aka katabereyemo imirwano, nibihute bajye muri komini Gituza, bajye muri komini Murambi, bajye muri komini Muhura, bajye muri Kayonza, bajye muri Muhazi, bajye muri Kabarondo, bajye muri Rutare, bajye muri Bicumbi, bajye muri Kiyombe, bajye muri Kibari, noneho barebe abahutu bagize akaga bihishe mu ntoki.

**FIN: 30.5 min**